# <u>ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU</u>

## ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 04 Kanama 2011, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Madamu MUKAKANYAMUGENGE Jacqueline.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

1/ Kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 30 Kamena 2011 n'iyo kuwa 21 Nyakanga 2011,
2/ Kugezwaho Raporo ya Komisiyo idasanzwe ku *Mategeko Ngengamikorere y'Ihuriro* n'*Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'Abayoboke bayo* no kuyemeza,
3/ Kungurana ibitekerezo na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ku *Mbanzirizamushinga y'Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki*,
4/ Gutora abagize Biro y'Ihuriro.

Ku ngingo yo Kwemeza inyandikomvugo z'inama y'Inama Rusange yo kuwa 30 Kamena 2011 n'iyo kuwa 21 Nyakanga 2011, Inama Rusange yazemeje imaze kuzikorera ubugororangingo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri Raporo yagejejweho na Komisiyo idasanzwe ku ivugururwa ry'*Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro* n'*Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'Abayoboke bayo*, Inama Rusange yemeje ivugururwa ry'ayo Mategeko.

Mu kiganiro cyatanzwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ku *Mbanzirizamushinga y'Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki*, ibitekerezo byagarutse ku ishingiro ry'ivugururwa ry'iri Tegeko, hakurikijwe igihe n'intera u Rwanda rumaze gutera muri demokarasi n'imiyoborere myiza. Hanaganiriwe ku ishyirwaho ry'Urwego Rushinzwe iyandikwa no kwemererwa kw'Imitwe ya Politiki, atari Minisiteri, byatuma ndetse n'igihe cyo gutegereza igisubizo cyo kwemererwa cyagabanuka.

Ikindi gitekerezo ni uko kujya mu Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki byaba ku bushake; Inama Rusange ikaba isanga nta mpungenge ko habaho Imitwe ya Politiki itakwitabira kujya mu Ihuriro kuko rimaze kugera ku ntambwe ishimwa mu mikorere n'inkunga ritera Imitwe ya Politiki.

Inama Rusange yatoye Abagize Biro bashya, **Hon. RWIGEMA Gonzague** ku mwanya w'Umuvugizi na **Hon. MUKABARANGA Agnes** ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

Bikorewe i Kigali, kuwa 4 Kanama 2011

**KAYIGEMA Anicet**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**